



KWEZWA NO KWIRINDA

No 1



“Kandi Imana y’amahoro **ibeze** rwose mu mpagarike yanyu yose; kandi ndasaba Imana ngo umwuka wanyu wose n’ubugingo n’umubiri **birindwe** bitazabaho umugayo kugeza ku kuza kw’Umwami wacu Yesu Kristo. Ibahamagara ni iyo kwizerwa, no kubikora izabikora.” **1Abatesalonike 5:23-24** (Bibiliya ingeri yitiriwe umwami Yakobo)

Iri somo ryo mu 1Abatesalonike 5:23-24, rigaragaza Kwezwa no Kwirinda nk’ibintu bibiri bigomba kugendana mu mibereho y’U-mukristo witegura kuzasanganira Yesu Kristo ubwo azaba aje kujyana abamwizeye; kandi agiye kuza vuba bidatinze.

KWEZWA NI IKI?

“Nabonye ibizira byawe ndetse n’ubusambanyi bwawe, n’ijwi ryawe ry’ubusambanyi, n’ibizira byo kwibunza kwawe wakoreye ku misozi no mu bibaya. Uzabona ishyano Yerusalemu we! Wanze **kwezwa**, mbese ibyo bizahereza he?” **Yeremiya 13:27**

Muri iri somo, Imana yavugiye mu muhanuzi Yeremiya ivuga ko Yerusalemu yanze kwezwa, kandi ivuga uko Yerusalemu yari imeze ari na byo byasabaga ko yezwa: “Nabonye **ibizira** byawe ndetse n’ubusambanyi bwawe, n’ijwi ryawe ry’ubusambanyi, n’ibizira byo kwibunza kwawe wakoreye ku misozi no mu bibaya.” Imana yashakaga kubavanaho ibyo bizira n’ubusambanyi bwabo, bakabaho batunganiye Imana mu mibereho

yabo, kandi Imana yavuze ko uwo murimo ari Yo ubwayo yashakaga kuwukora ariko bo barabyanga.

“Nzabanyanyagizaho amazi meza, maze **muzatungana**, mbakureho imyanda yanyu yose, n’ibigirwamana byanyu byose.” **Ezekiyeli 36:25.**



Muri iri somo, Imana yavugiye mu muhanuzi Ezekiyeli igereranya kwezwa n’umurimo wo gusukura (gutunganya) hakoreshejwe amazi kugira ngo abantu bayo bavanyweho imyanda y’ibyaha. Bityo kwezwa ni umurimo ukorwa n’Imana ikawukorera umunyabyaha ubyemeye, ikamukuraho imyanda y’ibyaha bye yose n’ibigirwamana bye byose; kandi dushingiye ku isomo twatangiriyeho ryo mu 1Abatesalonike 5:23-24, uwo murimo Imana iwukorera impagarike y’umuntu yose; ni ukuvuga umwuka, ubugingo, n’umubiri.

“Kwezwa nk’uko kugaragazwa mu Byanditswe Byera kugendana n’imibereho yose y’umuntu — umwuka, ubugingo, n’umubiri. Aha ni ho hari igitekerezo cy’ukuri cyo kwitanga utizigamye. Iki ni cyo Pawulo yasabiraga itorero ry’i Tesalonike ngo bajye bishimira uwo mugisha ukomeye. “Imana y’ama-

horo ibeze rwose, kandi mwebwe ubwanyu n’umwuka wanyu, n’ubugingo, n’umubiri, byose birarindwe bitazabaho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaza” 1 Abatesalonike 5:23.

“Hari imyumvire yo kwezwa itari iy’ukuri kandi iteje akaga iboneka mu myizerere y’abantu. Kenshi na kenshi usanga abirata ko ari abera (abaziranenge) muri bo nta kuri kwabyo kubagararamo. Kwezwa kwabo gushingira ku magambo n’imisengere yabo. Nyamara abifuzaza imico iboneye ya Gikristo ntibabasha guhangara kuvuga ko ari abaziranenge. Imibereho yabo ibasha kuba nta makemwa, babasha koko guhagararira ukuri bamenye kandi bemeye; ariko uko basuzuma imitima yabo bayigereranyije n’imico ya Kristo, ndetse uko barushaho kwegera ubwiza bw’Imana, ni ko barushaho kubona ubuziranenge bwayo, maze bakabasha gusobanukirwa n’inenge zabo ubwabo.

“Iyo tunihishwa n’ibyaha byacu maze mu kwizera tukicisha bugufi dutekereza ibya Yesu, uwacumitiwe ibyaha byacu akishyiraho intimba zacu zose, tubasha kwiga kugera ikirenge mu Cy. Kumuhanga amaso bituma natwe duhabwa ubwiza bwe. Kandi iyo uyu murimo ukozwe mu mibereho yacu, ntabwo tuzigera twirata ko dukiranuka, ahubwo tuzahimbaza Yesu Kristo, maze integere nke zacu tuzikomereze ku kunesha kwe.” **Imibereho Yeje-jwe, p.7-8 (Ingeri ya 2022).**


TWEZWA GUTE?

“*Ubereshe ukuri*: ijambo ryawe ni ryo kuri.” *Yohana 17:17*



UKURI KWEZA UMUNTU GUTE?

“*Ibyanditswe byera byose* byahumetswe n’Imana kandi bigira umumaro wo *kwigisha umuntu amahame*, no *kumucyaha*, no *kumukosora*, no *kumwigisha gukiranuka*: kugira ngo umuntu w’Imana abe *atunganye*, afite ibimukwiriye byose ngo *akore imirimo myiza yose*.” *2Timoteyo 3:16-17*. (*Bibiliya ingeri yitiriwe umwami Yakobo*)



“Nuko rero ubwo *mwiyejesheje imitima kumvira ukuri* kugira ngo mubone uko mukunda bene Data mutaryarya, mukundane cyane mu mitima.” *1Petero 1:22*.

Dushingiye kuri iri masomo, ntabwo umuntu yezwa binyuze mu kumva ukuri gusa, ahubwo yezwa binyuze mu kumvira ukuri yumvise (soma Abaroma 2:13).

“Ntabwo kwezwa ari umurimo w’akanya gato, isaha imwe, cyangwa umunsi umwe. Ni ugukomeza gukurira mu buntu. Satani ariho kandi arakora, bityo buri muni dukeneye gutakira Imana dushyizeho umwete kugira ngo idufashe kandi iduhe imbaraga zo kumutsinda. Igihe cyose Satani agifite ubutware, tuzaba du-fite inarijye igomba gucishwa bugufi, uguhengamira ku kibi kwa kamere kugomba gutsindwa, kandi nta hantu ho guhagarara, nta hantu na hamwe dushobora kugera ngo tu-

vuge ko twageze ku rugero rwuzuye.” *Ibihamya by’Itorero, Vol.1, p.293*

KWIRINDA NI IKI?

“Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y’Imana Data wa twese ni iri: ni ugusūra impfubyi n’abapfakazi mu mibabaro yabo, no *kwirinda* kwanduzwa n’iby’isi.” *Yakobo 1:27* (*Bibiliya ingeri yitiriwe umwami Yakobo*)



Dushingiye ku iri somo ryo mu rwandiko rwanditswe na Yakobo, umuntu wejejwe n’Imana, ikamukuraho imyanda ye yose n’ibigirwama-na bye byose (*Ezekiyeli 36:25*), aba agomba kwirinda kwanduzwa n’iby’isi, kuko aba yuhagijwe amazi meza (*Ezekiyeli 36:25*); kandi nk’uko twabibonye, uko kwirinda kureba impagarike ye yose: umwuka, ubugingo, n’umubiri (*1Abatesalonike 5:23*). Bityo umuntu wirinda ni uwejejwe kuko ni we uba afite ibyo arinda; nta muntu urinda ibyo adafite: “Hahirwa uba maso *akarinda imyenda ye*, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z’ubwambure bwe.” *Ibyahishuwe 16:15*. Umuntu wese wakiriye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo binyuze mu kwihana ibyaha bye no kubibabarirwa, ni we uyirinda kwandura, kandi akayirinda ngo atayitakaza akagenda yambaye ubusa.


Umuntu utarihanye ngo ibyaha bye bibabarirwe, kumusaba kwirinda ni ukumwikoreza umutwaro adafitiye ubushobozi bwo kwikorera, kuko mbere y’intambwe yo kwirinda hari izindi ntambwe zibanza, kandi iyo izo ntambwe zatewe neza ni zo zishobozwa umuntu no gutera iyo ntamb-

we yo kwirinda. Mu ijambo ry’Imana handitswe ngo:

“Ibyo abe ari byo bituma mugira umwete wose, *kwizera* mukongereho *ingeso nziza*, ingeso nziza muzongereho *kumenya*, kumenya mukongereho *kwirinda*.” *2Petero 1:5,6*.

Dukurikije ibivugwa mu iri somo, kwirinda bibanzirizwa no kwizera Yesu n’igitambo cye, uko kwizera kukabyara ingeso nziza, izo ngeso nziza zigatera umuntu kwiga ijambo ry’Imana ashaka “ubutunzi bw’ubwenge n’ubumenyi by’Imana” (*Abaroma 11:33*; *2Abakorinto 4:6*), uko kumenya ni ko gushoboza umuntu kwirinda, kuko ntiwakwirinda ibyo utazi. Dore irindi somo risobanura kwirinda muri ubu buryo:

“Ariko rero *imbuto z’Umwuka* ni urukundo n’ibyishimo n’amahoro, no kwihangana no kugira neza, n’ingeso nziza no gukiranuka, no kugwa neza no *kwirinda*.” *Abagali-tiya 5:22,23*.



Kwirinda ni imbuto y’Umwuka. Niba ushaka kwirinda by’ukuri ukazasangwa utariho umugayo ubwo Umwami wacu Yesu Kristo azaba aje (kuko agiye kuza bidatinze), ukeneye kwakira Umwuka Wera maze akagushoboza kwirinda nk’imbuto imukomokaho. Nibitagenda gutyo, abantu baziga amahame n’ibyigisho byo kwirinda, ariko babikore nk’uko abafarisayo babikoraga (soma Matayo 23:24), kandi kuri benshi bavuga ko birinda ni ko byabagendekeye.

“*Kwirinda nyakuri kutwigisha kureka burundu ibitwangiza no gukoresha uko bikwiriye ibituma tugira amagara mazima*.”

Patriachs and Prophets, p.562

KWIHANA NO KUBABARIRWA IBYAHA, NO GUHABWA UMWUKA WERA NI RYO BANGA RIKOMEYE RYO KWIRINDA



“Petero arabasubiza ati “Nimwihane, umuntu wese muri mwe abatizwe mu izina rya Yesu Kristo ngo mubone *kubabarirwa ibyaha byanyu*, kandi namwe *muzahabwa iyi mpano y’Umwuka Wera.*” *Ibyakozwe n’Intumwa 2:38.*

INTAMBWE ZO KWIHANA:

1. Kumenya no Kwemera ibyaha byawe (Yeremiya 3:13; Abaroma 7:7)

“Icyo nshaka kimwe *ni uko wemera ibyaha byawe*, ibyo wacumuye ku Uwituka Imana yawe.” *Yeremiya 3:13.*

2. Kwatura ibyaha (Imigani 28:13; Yakobo 5:16; Matayo 3:1-6; 5:23-24)

“Icyo gihe Yohana Umubatiza araza, yigishiriza mu butayu bw’i Yudaya ati “*Mwihane* kuko ubwami bwo mu ijuru buri hafi.” Maze ab’i Yerusalemu n’ab’i Yudaya yose, no mu gihugu cyose giteganye na Yorodani bose barahaguruka bajya aho ari, ababaturiza mu ruzi rwa Yorodani *bavuga ibyaha bakoze.*” *Matayo 3:1-6.*

3. Kwizera imbabazi z’Imana (1Yohana 1:9; Abaroma 10:9-11; Abaheburayo 11:1-3)



“Ariko nitwatura ibyaha byacu, *ni yo yo kwizera kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu* no kutwezaho gukiranirwa kose.” *1Yohana 1:9.*

“Ntabwo Dawidi yigeze areka urugamba kubwo kwiheba. *Mu masezerano Imana yasezeraniye abanyabyaha bihana, yabonyemo igihamya cy’uko yababariwe n’uko yemewe.*” *Abakurambere n’Abahanuzi, p.618 (Ingeri ya 2016).*

“Muri iryo joro ry’umubabaro we hafi ya Yaboke, ubwo yabonaga kurimbuka kumusatiriye, Yakobo yigishijwe ko ubufasha bw’umuntu ntacyo bumaze, kandi ko kwiringira imbaraga z’umuntu ari ukwikoza ubusa. Yabonye ko gutabarwa kwe kugomba guturuka gusa k’Uwo yababajwe akamucumuraho. Ubwo atari afite kivurira kandi adashyitse, *yingingiye guhabwa imbabazi z’Imana yasezeraniye umunyabyaha wihannye. Iryo sezerano ryari igihamya cy’uko Imana yamubabariye kandi ikamwakira.* Ijuru n’isi byashoboraga kuba byakurwaho kuruta ko iryo sezerano ritasohozwa; kandi *icyo ni cyo Yakobo yishingikirizagaho* ubwo yari muri rwa rugamba ruteye ubwoba.” *Abakurambere n’Abahanuzi, p.158 (Ingeri ya 2016).*

Nyuma yo kwihana no Kubabarirwa, Ijambo ry’Imana ritubwira ko duhabwa Umwuka Wera (Ibyakozwe n’Intumwa 2:38), maze tukagira kwirinda nk’imbuto y’Umwuka (Abagalatiya 5:22,23).



GUHINDUKA NI RYO BANGA RYO KUNESHA

(Aya magambo aboneka mu gitabo cyitwa *Temperance* kuri p.105-106)

“Igihe Umwuka Wera Akorera Hagati Muri Twe – Ikintu cya mbere kandi cy’ingenzi kurusha ibindi byose ni ukoroshya umutima no kwitanga binyuze mu kugaragaza Umwami wacu Yesu Kristo nk’uwikoreye ibyaha byacu, nk’Umukiza ubabarira ibyaha, tugatuma ubutumwa bwiza busobanuka neza uko bishoboka kose. Iyo Umwuka Wera akorera hagati muri twe, ... imitima y’abantu batari biteguye kuboneka kwa Kristo irahinduka... Ababaswe n’itabi bazibukira ibigirwamana byabo, n’umunywi w’inzoga akayivaho. Ibi ntibashobora kubikora igihe batarashyikira binyuze mu kwizera, amasezerano y’Imana yo kubabarirwa ibyaha byabo. – *Evangelism*, p.264.

Ikintu Gikomereye Cyane

Umuntu Akeneye –

Kristo yatanze ubugingo Bwe ngo acungure umunyabyaha. Umucunguzi w’isi yari azi ko kubatwa n’ipfa byari birimo kuzana intege nke z’umubiri no gucogoza ubushobozi bw’ubwenge bwo gusobanukirwa ku buryo abantu batabasha kumenya ibintu byera n’ibintu by’iteka ryose. Yari azi ko kwimakaza ipfa byari birimo kwangiza imbaraga z’imicombonera, kandi ko ikintu gikomereye cyane umuntu yari akeneye ari uguhinduka, – mu mutima, mu bwenge no mu bugingo, akava mu mibereho yo kubatwa n’inarijye akagira imibereho yo kwiyanga no kwitanga. – *Medical Ministry*, p.264.

Igihe Umuntu Akoresha Imbaraga Ze Bwite Azat-

sindwa –

Akamenyerero ko kunywa itabi ... byijimishije intekerezo z’abantu benshi. Kubera iki mutareka ako kamenyerero ko kunywa itabi? Kubera iki mudahaguruka ngo muvuge muti, sinzongera gukorera icyaha na satani ukundi? Nuvuga uti, njyewe ku giti cyanjye nzareka ubu burozi bubi bw’itabi. Ntushobora kubireka mu mbaraga zawe bwite. Kristo aravuga ati, “Ndi iburyo bwawe kugi-

ra ngo ngufashe.” – *Manuscript 9, 1893.*

Kubera Iki Abantu Benshi Batsindwa – Ibishuko byo kwimakaza ipfa bifite imbaraga ishobora kuneshwa gusa n’ubufasha Imana ishobora gutanga. Ariko kuri buri gishuko dufite isezerano ry’Imana ko hazaba hariho inzira yo gukiriramo. None se, kubera iki abantu benshi batsindwa? Ni ukubera ko badashyira kwizera kwabo mu Mana. Ntabwo bakoresha uburyo bwatanzwe ngo bubabere ubwihisho. Bityo, inzitwazo zitangwa zishyigikira ipfa ryangiritse, nta buremere zishobora kugira imbere y’Imana. – *Christian Temperance and Bible Hygiene*, p.22.

Umuti Umwe Rukumbi – Kuri buri mutima urwana no kubyuka ukava mu buzima bw’icyaha ukajya mu buzima

bwo gutungana, ibanga rikomeye ry’imbaraga riri muri rya zina ryonyine “muni y’ijuru ryahawe abantu, dukwiriye gukirizwamo.” Ibyakozwe n’Intumwa 4:12. “Umuntu nagira inyota,” y’ibyiringiro bizima n’uburuhukiro, yo kubaturwa mu ngeso z’ubunyacyaha, Kristo aravuga ati, “aze aho ndi anywe.” Yohana 7:37. Umuti umwe rukumbi w’icyaha ni ubuntu bwa Kristo n’imbaraga Ye.



Imyanzuro myiza umuntu afashe mu mbaraga ze bwite ntacyo yamufasha. N’amasezerano yose yo mu isi y’ibyo umuntu yiyemeje ntazigera asenya imbaraga y’imico mibi. Abantu ntibazigera birinda muri byose kugeza ubwo imitima yabo izahindurwa mishya n’ubuntu bw’Imana. Twebwe ubwacu ntidushobora kwibuza gukora icyaha n’umwanya na muto. Buri mwanya wowe tugomba kwishingikiriza ku Mana....

Kristo yabayeho imibereho itunganye yo kumvira amategako y’Imana, kandi muri ibyo Yashyiriyeho urugero buri muntu wese. Imibereho yabayeho hano kuri iyi si ni yo tugomba kubaho, binyuze mu mbaraga Ze kandi turi muni y’amabwiriza Ye.”

“Mwirinde irari ry’umubiri ry’uburyo bwinshi rirwanya ubugingo.” 1Petero 2:11

“He kugira umuntu wese wiringira Imana wakwiringagiza ubuzima bw’umubiri, maze akibeshya ko kutirinda mu mirire atari icyaha, kandi ko bitabasha kugira ingaruka mu mibereho ye mu bya Mwuka. Hari isano ya bugufi cyane hagati y’iby’umubiri n’imibereho yo guhitamo ikibi n’icyiza. Ingeso yose idashyigikiye imibereho myiza y’ubuzima itesha agaciro intekerezo z’ubunyangamugayo. Imico mibi mu mirire n’iminywera ijyana ku gukora amakosa mu ntekerezo no mu bikorwa. Gutwarwa n’irari byongera imbaraga z’ubunyamasa, zikaba arizo ziganza mu ntekerezo no kurenza imbaraga z’umwuka.” Imibereho Yejeje, p.18



Website: preciouspresenttruth.org
Email: info@preciouspresenttruth.org
Tel: +250787011189 (Call & whatsapp)